REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, Kuwa 05/07/2017
Ref No Njy ...../07.05.03/09.

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

AKARERE KA GATSIBO

gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

Eastern Province
For reception
Date 06 JUL 2017
Signature

GATSIBO DISTRICT
Reception
Date : 7/06/17
Signature :

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

Rwamagana.

Impamvu: Kubagezaho imyanzuro y'inama.

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa kane tariki ya 29/06/2017.

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

RUKEMANGANIZI Cyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **Gatsibo.**

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **Gatsibo.**

IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA KANE TARIKI YA 29/06/2017

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye ku cyicaro cy'Akarere kuwa kane tariki ya 29/06/2017, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien.

Inama yatangiye imirimo yayo saa yine n'iminota mirongo itanu (10H50) hari Abajyanama 24 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo.

Abandi bitabiriye inama y'Inama Njyanama y'Akarere ni aba bakurikira :

- Bwana Alexis KAMUHIRE wari uhagarariye Minisiteri y'imari n'igenamigambi,
- Abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge,
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge,
- Abayobozi b'imirimo ku Karere.

Mu gutangiza inama, Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije Abajyanama impamvu hatumijwe inama idasanzwe, abagezaho ibiteganyijwe ku murongo w'ibyigwa .

Ku murongo y'ibyigwa hari hateganyijwe ingingo zikurikira:

1. Kwemeza tarif y'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018;
2. Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka wa 2017-2018;

1. KWEMEZA TARIF Y'IMISORO N'AMAHORO BIZAGENDERWAHO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2017-2018;

Ishingiye ku itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 97 n'iya 98;

Ishingiye ku Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 19,iya 43,iya 53, , iya 57 n'iya 58;

Ishingiye ku Iteka rya Perezida N° 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rikagena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2,iya 3, iya 4, iya 5, iya 6, iya 7, iya 8, iya 9, iya 10, iya 11, iya 12, iya 13, iya 14, iya 15, iya 16, iya 17, iya 18, iya 19, iya 20, iya 21, iya 22, iya 23;

Ishingiye ku itegeko N° 13/2014 ryo kuwa 20/05/2014 rigena ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri, mu ngingo yaryo ya 4;

Ishingiye ku iteka rya Minisitiri N° 005/12/10 TC ryo kuwa 22/06/2012 rigena uburyo bwo kubahiriza Itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'ibanze kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 18,iya 33,iya 42, iya 43;

2.1 Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje Amabwiriza N° NJY 152/07/05.03/09 y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo agena ibiciro by'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017/2018.

2.2 Inama Njyanama yemeje ko abacukura amabuye y'agaciro na kariyeri bari bafite impushya zizarangirana n'itariki ya 30/06/2017, bemerewe gukomeza imirimo yabo nkuko bisanzwe mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) mu gihe bazaba bakurikirana ibyangombwa bishya.

3. KWEMEZA INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE Y'UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI WA 2017-2018

Mbere yuko Inama Njyanama isobanurirwa umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018, yabanje kumenyeshwa ko ingengo y'imari y'umwaka ushize 2016-2017 yakoreshejwe ku kigereranyo cya 98,5%;

3.1 Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye, yemeje ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari cumi n'enye, miliyoni ijana na cumi n'icyenda, ibihumbi magana cyenda na bitanu na makumyabiri n'icyenda **(14,119,905,029 Frw),** harimo miliyari enye miliyoni magana arindwi mirongo inani n'imwe ibihumbi magana atanu makumyabiri n'umunani n'amafaranga magana ane mirongo cyenda na rimwe (**4,781,528,491 Frw**) zigenewe ibikorwa by'amajyambere ahwanye na 34% y'ingengo y'imari yose (Development buget);

3.2 Inama Njyanama yemeje ko ingengo y'imari igabanije mu bice bikurikira:

1) Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye *(Block Grant)* angana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari ebyiri na miliyoni mirongo ine n'umunani ibihumbi magana atandatu mirongo inani na bitanu magana abiri na mirongo irindwi n'atatu **(2,048,685,273 Frw)** ahwanye na 15% y'ingengo y'imari y'umwaka;

2) Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye *(Earmarked transfers)* angana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari icumi, miliyoni ijana na mirongo itanu n'imwe, ibihumbi magana abiri cumi na kimwe na magana ane makumyabiri n'atatu **(10,151,211,423 Frw)** ahwanye na 72% y'ingengo y'imari y'umwaka;

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

3)Imisoro n'amahoro byinjizwa n'Akarere*(District Own revenues)*angana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni magana cyenda n'enye ibihumbi magana ane na cumi na bine na magana atatu mirongo itatu n'atandatu **(904,414,336 Frw)** ahwanye na 6 % y'ingengo y'imari y'umwaka;

4) Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta *(Transfers from Other GoV Agencies)* zingana n'amafaranga y'uRwanda Miliyoni eshanu, ibihumbi magana cyenda makumyabiri na kimwe, magana atatu mirongo ine n'icyenda **(5,921,349 Frw)** ahwanye na 0,0004% y'ingengo y'imari y'umwaka;

5) Amafaranga y'Abaterankunga *(External Grant)* angana n'amafaranga y'uRwanda Miliyari imwe na miliyoni icyenda n'ibihumbi magana atandatu mirongoirindwi na bibiri magana atandatu mirongo ine n'umunani (**1,009,672,648 Frw**) ahwanye na 7% y'ingengo y'imari y'umwaka;

6) Amafaranga yasigaye kuri konti z'Akarere (*Extra Budgetary*) angana na miliyoni magana arindwi mirongo itanu n'esheshatu, ibihumbi magana inani mirongo inani na birindwi na mirongo cyenda n'ane (**756,887,094 Frw**)

3.4 Inama Njyanama yemeje icyemezo cy'Inama Njyanama **N° 153/07.05.03/09** cyo kuwa 29/06/2017, gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka w'ingengo y'imari 2017-2018 gishyirwaho umukono n'Umuyobozi w'Inama Njyanama n'Umunyamabanga wayo.

Umwanditsi w'inama

.....

YANKURIJE Marie Goretti

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama

.....

RUKEMAGANIZICyprien

Umuyobozi w'Inama Njyanama

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO